

Murakaza neza kuri gahunda yo gutangiza!

Kinyamulenge



IMDi
Integrerings- og
mangfoldsdirektoratet

Gahunda yo gutangiza ni iyihe?

Gahunda yo gutangiza ni gahunda yo guhugura izagutegurira kwitabira ubuzima bw'akazi bwa Noruveje. Impunzi zose ziri hagati yimyaka 18 na 55 ziza muri Noruveje zigomba kwitabira gahunda yo gutangiza. Ni nako bigenda no ku bagize umuryango baza nyuma mu gihugu. Binyuze muri gahunda yo gutangiza, uziga uririmu rw'iki Norvege kandi uzasobanukirwa n'umuryango wa Norvege. Uzahabwa amahugurwa n'ubumenyi ku buzima bwa Noruveje. Ugomba kandi guhabwa ubushobozi bwo kwiga niba ubukeneye. N'intego ugomba kubona akazi cyangwa amashuri urangije. Gahunda yo gutangiza igomba gutangira vuba bishoboka, kandi bitarenze amezi atatu nyuma yo kuba umuturage wa komine yawe. Gahunda yo gutangiza ni iya buri munsi.




Ibiteganijwe kuri wewe

Ni ngombwa ko witegura amasomo, kandi ugafata inshingano zo kwiga ibyo ugiye gukora. Umujyanama wa gahunda hamwe n'umwarimu bazagufasha. Barashobora kuguha inama n'ubusobanuro. Niba ufite ikibazo mu gihe wamaze gutangira iyo gahunda, ni ngombwa ko uvugana nabo.

Inkunga y'amafaranga

Uzishyurwa amafaranga mu gihe witabira gahunda yo gutangiza. Iyi nkunga yitwa imfashanyo yo gutangiza. Imfashanyo yo gutangiza isobanura ko utagomba gushaka amafaranga mu gihe witabira iyo gahunda. Niba uri munsi y'imyaka 25 ukabana n'ababyeyi bawe, uzahembwa make. Ugomba kwishyura umusoro ku nyungu zo gutangiza. Umusoro uhita ukurwa mu mafaranga wishyuwe. Niba wakiriye izindi nkunga z'amafaranga, urashobora guhembwa make. Ibi ntibikurikizwa ku mfashanyo z'abana cyangwa imfashanyo z'amafaranga, cyangwa niba winjije amafaranga hanze ya gahunda. Komine niyo yishura imfashanyo yo gutangiza. Niba utanze amakuru atariyo, komine irashobora gusaba ko wishura imfashanyo y'intangiza wahawe.



Ibiruhuko, gusiba n'uruhushya

Ufite uburenganzira bw' ikiruhuko cy'iby' umweru bitanu k'umwaka. Ufite kandi uburenganzira bwo kuruhuka bijyanye n'indwara, gutwita no kubyara, cyangwa niba hari izindi mpamvu z' ingenzi zituma udashobora kwitabira. Ibi byitwa ikiruhuko. Ugomba gusaba umujyanama wa gahunda yawe kuruhuka.

Niba gusiba muri gahunda bitemewe n'umujyanama wa gahunda, uzakurwaho imfashanyo yo gutangiza kandi ukagira igihe gito muri gahunda.

Niba uhagaritse gahunda, uzatakaza uburenganzira bwo kongera kwitabira nyuma. Utakaza kandi imfashanyo uhabwa mu gihe cyo gutangiza.

Gahunda yo gutangiza igomba kuba ikubiyemo iki?


Gahunda yo gutangiza ifite ibuntu bimwe bihuriweho n'abitabiriye amahugurwa bose, mu gihe ibindi biba bikwiranye nawe.

- Abitabiriye amahugurwa bose bagomba kwiga ikinoruveje. Umwarimu wawe agomba gushyiraho intego yo guhugurwa mu kinoruveje. Gahunda yo kwiga uru rurimi rwa Noruveje ishingiye ku mashuri ya mbere waba warize.
- Abitabiriye amahugurwa bose bagomba kwiga ibijyanye n'igihugu cya Noruveje. Amahugurwa agomba kukworohereza kwitabira ibikorwa cyangwa imibereho muri Noruveje.
- Abitabiriye amahugurwa bose bagomba kwitabira amasomo yitwa «Ubuzima bwiza mu gihugu gishya». Aya masomo azakorohera guhitamo neza muri Noruveje, ndetse bigire ingaruka ku mibereho yawe. Ugomba kandi kumenya aho ushobora kubona ubufasha mu gihe ubikeneye.



Niba ufite abana cyangwa utwite, ugomba no guhugurwa n'ubuyobozi bugira inama ababyeyi. Binyuze muri ubwo buyobozi, uramenya uburyo bwo kuba umubyeyi muri Noruveje, n'inkunga wahabwa kuri wewe hamwe n'abana bawe.

Gahunda yo gutangiza igomba kandi kuba ifite ibikubiyemo bikwiranye n'intego zawe. Ibi birashobora kuba gukora akazi udahembwa, cyangwa amashuri. Abenshi bitabira gukora akazi n'amashuri mu gihe bari muri gahunda yo gutangiza. Wowe hamwe n'umujyanama wawe wa gahunda muzakorana mu gushiraho gahunda kubyo gahunda yawe yo gutangiza izaba ikubiyemo n'ighe izamara.



Kuyoborwa mu mwuga

Mbere yo gutangira muri gahunda yo gutangiza, ugomba guhabwa inama ku bijyanye n'umwuga wifuza gukora. Ubu ni ubujyanama ku guhabwa amahirwe yo kwiga no gukora mu gihe kiri imbere.

Kuyoborwa mu mwuga bishingiye ku burambe mu kazi n'amashuri wize mu gihugu cyawe. Ibi bigomba kuba byarakozwe mbere yo guhabwa ubujyanama ku mwuga.



Intego nyamukuru ya gahunda yo gutangiza

Nyuma yo guhabwa inama ku bijyanye n'umwuga, wowe hamwe n'umujiyanama wa gahunda mugomba guhitamo icyo uzageraho mu gihe cya gahunda yo gutangiza. Ibi birashobora kuba intego yo kwiga amashuri makuru, cyangwa intego yo kubona akazi. Birashobora kandi kuba intego yo kurangiza amasomo yose cyangwa igice cyayo. Ibi byitwa intego nyamukuru.

Intego ya nyamukuru ya gahunda yo gutangiza ishyirwaho hashingiwe ku byo ufile ku bijyanye n'uburambe bw'umwuga n'amashuri wize mbere mu gihugu cyawe, nicyo wifuza kuzakora kugirango ubashe kubona akazi mu gihe kiri imbere.

Gahunda yo gutangiza imara igihe kingana iki?

N'intege yawe nyamukuru niyo igena igihe gahunda yo gutangiza izamara.

Niba usanzwe ufite amashuri yisumbuye kuva mu gihugu cyawe, kandi intego nyamukuru ari ukwemererwa kwiga amashuri makuru cyangwa kubona akazi, gahunda yo gutangiza irashobora kumara amezi atandatu.

Niba intego nyamukuru ari iyo kwiga amashuri yisumbuye, gahunda yo gutangiza irashobora kumara imyaka itatu.

Niba intego nyamukuru ari ukubona akazi, gahunda irashobora kumara imyaka ibiri.

INTEGO NYAMUKURU

IGIHE CYA GAHUNDA

Kurangiza amashuri yisumbuye

Kugeza ku myaka itatu



Akazi, cyangwa impamyabushobozi yo kwiga amashuri makuru

Kugeza amezi atandatu



Akazi cyangwa kurangiza igice cyangwa amashuri yose abanza cyangwa igice cy'amashuri yisumbuye

Kugeza ku myaka ibiri



Tubifuriye amahirwe masa muri gahunda yo gutangiza!



Utgitt av Integrerings- og mangfoldsdirektoratet (IMDi) – 2021.

www.imdi.no